REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'UBUZIMA

Amakuru Mashya kuri Koronavirusi COVID-19 — 22 Werurwe 2020

Uyu munsi hagaragaye abandi bantu babiri (2) barwaye Koronavirusi. Ibi bikaba byatumye umubare w'abarwaye Koronavirusi mu Rwanda ugera kuri cumi n'icyenda (19).

- Umugabo w'Umunyarwanda w'imyaka 32 wageze mu Rwanda ku itariki ya 19 Werurwe 2020 aturutse i Dubai.
- Umugabo w'Umunyarwanda w'imyaka 34 wageze mu Rwanda ku itariki ya 20 Werurwe 2020 aturutse i Dubai.

Abarwayi bose baravurirwa ahantu habugenewe. Hanashakishijwe abantu bose bahuye nabo kugira ngo nabo basuzumwe ndetse bitabweho n'inzego z'ubuzima.

Abaturarwanda bose barasabwa gukomeza kwitwararika. Nkuko byatangajwe n'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe, ingamba nshya zafashwe zizamara ibyumweru bibiri (2). **Ubucuruzi bw'ibikorwa bitari iby'ibanze bwahagaritswe, ingendo zihuza imijyi n'uturere zahagaritswe** ndetse **n'ingendo zitari ngombwa no kuva mu ngo nta mpamvu zihutirwa birabujijwe**. Abanyarwanda n'abatuye mu Rwanda byemewe n'amategeko bataha nabo bakaba bazashyirwa mu kato mu gihe cy'iminsi 14 ahantu hateganijwe.

Murasabwa gukomeza kubahiriza amabwiriza y'inzego z'ubuzima hitabwaho cyane cyane gukaraba intoki kenshi kandi neza hanubahirizwa intera ya metero imwe (1) hagati y'abantu.

Ibimenyetso by'ingenzi bya Koronavirusi ni inkorora, guhumeka bigoranye n'umuriro. Umuntu wese ugaragaza ibi bimenyetso asabwe kwihutira guhamagara umurongo utishyurwa **114**, cyangwa akipimisha akoresheje telefone akanda ***114#** maze agakurikiza amabwiriza, cyangwa akoreheza email kuri callcenter@rbc.gov.rw, cyangwa akohereza ubutumwa bwa WhatsApp kuri **+250 788 20 20 80**, cyangwa akitabaza umujyanama w'ubuzima umwegereye.

MINISITERI Y'UBUZIMA

www.moh.gov.rw